CONCOURS LITTERAIRE.

A.I.J. 1985

NZABATSINDA Isaac
Commune NDUSU
Secteur KABINGA
Préfecture : RUHENGERI

# I L I B U L I R O

Aka gatabo kagenewe umwaka mpuza mahanga w'urubyiruko mu Rwanda kugirango gakangure kandi gashyigikire urubyiruko mu ntego za M.R.N.D. ni n'umwaka mpuza mahanga w'urubyiruko 1985 alizo : Gufatanya - Amajyambere-Amahoro.

Igice cya I : Murabonamo ibibi byo kudafatanya n'ibyiza byo gufatanya.

Igice cya II : Murasangamo uko urubyiruko rugomba gukora kugirango rugere ku majyambere nyayo rubikesheje amashyirahamwe.

Igice cya III: Murabonamo amahoro icyo ali cyo ni uko dukwiliye kugenza kugirango tugere ku mahoro.

Igice cya IV : Turashimira Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yo yateguye amarushanwa mu bikorwa by'ubuhinzi-ubworozi-imyuga-imikino, kugirango abazaba abambere bigishe abandi kugirango bagire umurava mu bikorwa byo guteza u Rwanda imbere.

Igice cya V : Gushimira Nyakubahwa Prezida HABYARIMANA Yuvenali wa wakuye u Rwanda mu rwobo akatuzanira ubumwe-amahoro-amajyambere.

A K A G A T A B O

K I T W A

UMWAKA MPUZA MAHANGA
W'URUBYIRUKO 1985.

Kaze neza karame cyane
Mwaka mwiza unogeye benshi
Ukaba waremejwe n'amahanga
Muw'igihumbi magana cyenda
Na mirongo ilindwi n'icyenda.

Bati twemeje twese tulimunteko ya ONU
Ko uw'igihumbi magana cyenda
Na mirongo inani na gatanu
Uzahalirwa urubyiruko
Amahanga ahita awemeza nyabyo
Abanza kuwuha intego yawo
**Gufatanya**-amajyambere-amahoro.

Twe rero mu Rwanda
Dushubije amaso inyuma gatoya
Twasanga iyo ntego
Twali tuyisanganywe yose
Mu ntego ya M.R.N.D. dufite
Ubumwe-amahoro-amajyambere.

Iwacu mu Rwanda twamaze kwumva
Uwo mwaka muhire w'impuzamahanga
Bahaliye urubyiruko
Tubyakira bwangu
Dutera indilimbo
Tuvuza impundu
Impanda ziranaga
Tuti harakabaho urubyiruko
Niyo soko rusange
Abasaza bahuliyeho.

Indamutso ni yose ubu mu rubyiruko
- Gira gufatanya
- Gira amajyambere
- Ugire amahoro
- Maze ducengere muli Muvoma.

Urubyiruko mu Rwanda
Ndaruvuga imihigo
Ndarugira indatwa
Kubera amatwara
Rutwaliye u Rwanda.

Dukulikije itego
Amahanga yashyizeho
Habanza gufatanya
Nyamara urubyiruko mu Rwanda
Rusanzwe rubyumva
Kubera M.R.N.D.
Yabibacengeje rugikubita
Rukorana umurava
Ntavangura lirulimo
Igitsina n'ubwoko
Cyangwa amadini.

Rubyiruko rw'Urwanda
Reka twiyibutse gatoya
Gufatanya si ugufatanya kwiba
Si ugufatanya kunebwa
Si ugufatanya indwano
Cyangwa gufatanya uburyarya
Si ugufatanya gusebanya
Si no gufatanya kuroga
Cyangwa gufatanya kugira nabi.

.../...

Ahubwo dore gufatanya :
Gufatanya mushaka ibyanyu
Gufatanya mukora cyane
Gufatanya muli mu mahoro
Gufatanya mukora iby'ukuli
Gufatanya umutima nama
Gufatanya muvuga abandi neza
Gufatanya mu bwitonzi
Kugirango ibikorwa byanyu bitere imbere.

buhinzi : Mwana w' i Rwanda wavukiye i Rwanda
Uzabigira ute uzatungwa n'iki
N'utita ku isuka
Sogokuru yasize
Aliyo itunze u Rwanda.

Uzabishobora ute
N'udafata isuka
N'umuhoro wawe
Ngo uteme icyo kigunda
Ureka gutwika ibyatsi.

Ulime amasinde
N'amara gukora
Utangire utabire
Uteremo izo mbuto
Zizagutabara
Ujye kubaka urwawe.

Rero mugenzi mwana w'u Rwanda
Kugirango ubigereho
Byihute bwangu
Udahuye n'ingorane
Ukoreshe gufatanya.

Wegere abasore barenze batanu
Utiliwe wita kubatabishaka
N'abatabishaka ubashyiremo akanyu
Gatume baryoherwa
Wifuza kugeraha
Aliryo gufatanya.

Baguhingire none
Ubwo kandi batere
Muminsi mikeya
Mugihe gitoya
Witemere amahundo.

Aliko niba ulimumwe
Uzajujuta ugirango uratabira
Abandi baturage
Baliho babagara
Nutangira ibagara
Bo babe basaruye.

Ese wowe nyakubagara
Urabagara ibiki
S'ibyagumbwa
Kubera ubugumba
Bw'amatwi adatoboye
Atita ku kintu
Kitwa gufatanya.

Ibigo ni byinshi
Hali iby'urubyiruko
Hali iby'amashuli
Nibya gisilikali.

.../...

Bafashe ibyo basaruye
Bimwe bakabirya
Ibindi bakabigulisha
Amafaranga bakuyemo
Bakayashyira muli(Banque) Banki
Buli mwaka ikabungukira
Ntibyatuma rwose
N'abandi baturage
Barya kumutungo wanyu
Baguze amafaranga
Aturutse ku mwero
Wanyu mwahinze
Kubera ishyirahamwe

Rubyiruko rw'u Rwanda
Nimuhinge ibishyimbo
Mugahinga ibigoli
Ibijumba n'imyumbati
Imboga n'ibirayi
Soya n'ubunyebwa
Ibikoro n'ibihaza
Inzara izanyura hehe
Mwabihinze kugihe
Kandi mwabihingiye limwe
Umumero wabyo atali insigane
U Rwanda ruzasigara inyuma rute?

Sigaho guhinga wihingira wenyine
Kandi mu Rwanda bifuza gufatanya
Sigaho kwigunga ugaragiwe n'abategetsi
Ntagitsure cy'uburetwa kigihali
Kuko amahanga yabyanze burundu.

Ndemera ndemera iyandemye rwose
Kuko yashakiye Adamu dukomokaho
Umufasha ngo bafatanye
Muli Paradizo
Bayibanemo ntamuzeze
Utabigira atyo
Ngo yifuze gufatanya
Yaba ataye umurage karande
Twahawe na Rurema.

Mubworozi : Rugira byose
Arema iyisi dutuye
Yayishyizemo inyamaswa
Z'ubwoko bunyuranye
Ubwo basogokuruza
Ntibayafashe nabi.

Akenshi na kenshi
Muli ayo matungo
Yali ingobyi zabo
N'amaguru yabo
Bayagenderaho
Ahetse imitwaro.

Hari amafarasi
Hakaba n'ingamiya
Urebye ibyo byose
Kugirango bibamenyere
Bagombye kubyorora.

None namwe rubyiruko
Rubyiruko rw'i Rwanda
Mwaligishijwe ahanini
Mwageze mu mashuli
Cyangwa ntimwize
Ubutaka bwacu
Bugiye kudushirana
Kubera ko twunguka
Abana bavuka.

N'ujya ku meza
Uvuye ku mulimo
Ugafata utuboga
Hamwe n'akanyama
Ibyo bizaba ubulisho.

Kandi n'ikindi
N'ufata umutsima
Waba uw'amasaka
Cyangwa se imyumbati
Bizagenda neza
Kubera ako kanyama
Gakomoka kubworozi

.../...

Maze ubure umuzenganwa
Ugarure ubuzima bwiza.

Fata amata yawe
Ali mu gitondo
Uzatinda gusonza
Kubera iryo bondo
Wemase munda
Likomoka ku bworozi.

Inzara irateye
Amapfa aracanye
Ibiryo birabuze
Ahandi imvura iragwa
Uzafata itungo
Uligure amafaranga
Uhahe ibilibwa
Ukire icyo cyuho
Cy'icyorezo cy'inzara.

Wahoze urahinga
Cyangwa se ubagara
Intoke zitobotse
Zasatagulitse
Zagize imyate.

Uzafata ikimuli
Gituruka ku bworozi
Maze wisige
Urebe ngo uraryama
Ukagira agatotsi
Ugakira ubulibwe
Hamwe n'umunaniro.

Uzabigeraho ute?
Wumvire wite ku nama
Z'Agronome na Veterineri
Ukulikire n'amabwiliza
Y'ikiganiro cya Radio-Rwanda.

.../...

Orora amatungo
Udashaka amatoni
i'umubare w'amahembe
Ntuzahembuka n'utita kubworozi
bw'umubare ushoboye
Kandi kijyambere
Ureke kijyanyuma
Rorera kubikira Leta irabyanga.

Amatungo ni menshi
N'utorora inkwavu
Uzorora ingurube
N'utorora intama
Ihene n'inka zirororwa
Kandi niyo zaba zaracitse
Dufite Ministeri
Idahwema buli gihe
Kudushakira ahandi
Muyandi mahanga
Amatungo arobanuye
Ngo tuyorore natwe.

hene : Ihene mu Rwanda
Zidufitiye akamaro
Kunyama nziza
N'ifumbire nziza
Kuyorora kwayo
Ntabwo bigoye
Kuyifita kwayo
Cyane nk'isasire
Ntivuna cyane
Nk'ayandi matungo.

ntama : Intama irahenda
Ku nyama zayo
Aliko ifumbire itanga
Buli gihe isasiwe
Ibiguzi byayo bihenda bikomeye
Ubaye ubishatse
Gufumbira bwangu
Wakwitabaza intama
Abenshi bakunda
Ko ali Imana y'i Rwanda
Ingobyi yahetse

.../...

Data na Mama
Nzayirorezwa n'iki kuyorora
Ndebye ibyo byiza
Bayikeshaho byinshi.

Ingurube : Ingurube ni ngwino
Nkwihere ikidali
Nguhe n'ikizigira
Cy'akaguru n'akaboko
Undore imbavu nziza
Manzi ngutake
Inzobe ube inziramuze
Uhite ubaza inzira
Y'aho wazanyura
Ngo ujye kwihahira
Ibinure byanjye.

Inkoko : Inkoko niyo mwumva
Mfite icyanyobeye
Bankundira bose
Isoko ndalisesa
Iyo bantanguranwa
Banshakaho akalibuwe
K'umufa n'ifiriti
N'abagamije kuzinduka
Ni nanjye ubabyutsa.
Mfite n'ikindi bankundira cyane
Ngaho ku meza
Ye pi ye ngo pa
Ayo n'amagi muzi
Batulitsa batonora
Ubwo umunyu ugahorerwa
Inziga ya rusake.

Urukwavu : Urukwavu n'itungo
Lituye lituje
Rukunda kulisha
Rwashize ubwoba
Rushira n'amanga
Rutera amabengeza
Iyo barutwaye kenshi na kenshi
Bafashe amatwi yarwo
Twabuzwa n'iki

Kurworora twese
Rubyiruko rw'u Rwanda
Ko alirwo rwungura
Kandi vuba.

Imbata : Imbata ntigoye
Yishakira ahantu
Yoga mu mazi
Bya buli kanya
Igira inyama nziza
Ziryohera kenshi
Kandi ku kiguzi
Cy'amafaranga
Irungura cyane.

Rubyiruko rw'u Rwanda
Nimworora amatungo
Matoya n'amagufi
Muzafata umwanya
wo mugitaramo
Mpuza mahanga
Kubera ibyo byinshi
Biyaturukaho byose
Igihugu cyacu
Gishimwe bikomeye
Kubera urubyiruko
Cyareze neza
Kandi kijyambere
Maze amadevize
Aliyo mafaranga
Aturuka imahanga
Aduhangamure
Mubukene bwacu
Icumu tuliculike
Ko tutazasubira
Kurya ntakamyama
Turambe kubworozi.

.../...

ayuga : Imyuga ni myinshi
Mu Rwanda irasanzwe
Uwikitse umwuga
Ntiyigera ubworo
Ubwato butwara
Abantu muruzi
Tubukesha kubaza
Uwo ni umwuga.

Wabona ute ibiryo bihiye
Utegeye umubumbyi
Ngo agushakire agakono
N'icyngo cy'umutsima
Ngo imitsi yawe ikomere
Ubone uko ukorera
Urwakwibyaliye
Rwatumye ucuka.

Dutera amashyamba
Tugira ngo bazavemo
Inkwi zo gucana
N'ibiti byo kubaka
Uzabitema ute
N'udakoresha
Ishoka n'umuhoro
Byavuye kumucuzi
Uwo si umwuga?

Ubu tuli mu majyambere
Si nka kera hali nyakatsi
Nyakatsi idasigaye
Ubu amashyirahamwe
Yigisha urubyiruko
Kwiyubakira inzu
Gufata itafali
Uligereka kulindi
Hamwe no gusakara
Bakora sharpante
Kimwe no gusiliba
Basiga inzu mo sima
Uwo ni umwuga
Ukorwa n'umufundi

.../...

Imbeho y'Igitarama
Cyangwa igitondo
Uzayituruka he
Udakoresheje ikote
Cyangwa umupira
Ikabutura yawe
Cyangwa se ikanzu
Bituruka ahagana he
Ntibituruka ku mudozi
Wabikesheje umwuga?

Iradiyo yawe ntiyavuze amakuru
Ikindi nanone ntiyagucurangira
Ngoubone uko uculika
agahinda n'umuruho
Uzayikiza ute
Utegeye makanika
Ngo ayikuruguture
Ayikuremo ubupfu
Bwapfukiranwa
No gupfirwa ibyo imyuga.

Uli kurugendo
Wuliye igare
Cyangwa ipikipiki
Ese akamodoka
Kabishywe n'indege
Impanuka zirateye
Igutunguye utazi
Uko icyuma giteye
N'ahantu biturutse.

Uzabigira ute
Utazi gusenyera
Icyuma mu kindi
Kandi urugendo
Rukwangiye cyane
Ubwire n'ubwira
Bikwangiye byose
Ukubije gutaha
Imuhira biracika
Wateganije kugerayo
Uzahamagara he
Utazi gukanika

.../...

Kugirango ushobore
Kwipakurura abambuzi
Hamwe n'ibisimba.

Hali n'abakobwa
Nabo b'urubyiruko
Bakaba bali mu bigo
Bitsura amajyambere
Bigamo byinshi bishimishije cyane
Halimo imyuga
Y'uburyo binyuranye
Kandi butatse.

Reka duhere kubitambaro
N'uturago bataka
Uduhoro n'uducumu
Bifite agaciro
Ku mafaranga menshi
Kandi bihesha ishema
Igihugu cy'u Rwanda
Abanyamahanga
Baje kudusura
Bagataha bataka
Umutako w'u Rwanda
Dukesha amatwara
Ya Muvoma yacu.

.majyambere : Nkuko amajyambere
Akulikiye gufatanya
Akaba intego ya kabili
Muli za ntego
Mpuza mahanga.

Amajyambere n'iki?
Amajyambere ameze ate?
Ushaka amajyambere
Yabigira ate?

Rubyiruko mubirutse
Gushaka amajyambere
Ni ukujijuka
Gushaka amajyambere
Ni ukujya kwiga

Ali mu mashyirahamwe
Ali mu mashuli
Ali mu mvaho n'ibinyamateka
Cyangwa andi magazeti
Y'impande zo ku isi
Ukita kubiganiro
Bya Radiyo Rwanda
Ukareba na sinema
Ikwereka byinshi
By'u Rwanda rutunze
Ukareba ibyo amahanga
Aturusha mu Rwanda.

Ukareba amatwara
Y'urubyiruko rw'ahandi
Ukagereranya amahoro
Atekamye mu Rwanda
N'andi mahane yogoje amahanga
Ukijuta iteka
Ibyo abandi bahanga
Bakungura byose
Biturutse mu bitabo.

Ukegera abakuruta
Kuko ali ngombwa
Kugirango ucengerwemo
N'umuco karande
Ugakunda ukareba
Uko u Rwanda ruteye.

Amaprefegitura yarwo uko ali icumi
Ukayacamo icumbi
Kugirango ucumbure
Ibyo waba warabonye
Muli Komini utuye.

.../...

Ukareba inyamaswa
Zili muli Parike
Yaba iy'Akagera
Cyangwa ibirunga
Ukareba urugendo
Abagenzi bagokana
Baje kureba uko u Rwanda ruteye
N'imisozi yarwo
Utaretse ibisiza
Ugasesengura neza
Imisozi igihumbi (mille collines)
Rubyiruko rw'u Rwanda
Ndavuga uyu mwaka mpuza mahanga
Bagize uwanyu.

Ushaka amajyambere
Ntiwareka kwambara
Ngo maze ujye kureba
Ibiyaga by'u Rwanda
Uko birutatse umutako
Ukwiye impande zose.

Nibura ukareba
Uko ikivu kiyaga
Gitera ibinyonga
Ukaba wakeka ko
Ali ijuru ureba.

Ukareba burera
Hamwe na Ruhondo
Ihema na MUHAZI
Cyohoha na Nasho
Utaretse Mugesera
Ibindi nanone
Ukazaba ubisura
Wabonye uko ugenda.

.../...

Ukareba izo nganda
Z'icyayi mu Rwanda
Ukareba aho bakorera
Isukali n'isabune
Ukareba urw'impapuro
Hamwe n'urw'impu
Ukareba urw'umuceli
Uteretse urw'inzoga(primus)

Ukareba urw'amasuka
N'amasafuliya
Ugatahana urw'itabi
N'urwo ibisuguti
Uzaba unabonye
Amaraliro yawe.

Ushaka amajyambere ntaryamira
Ntatakobwa kwita ku milimo rusange
Urugero nk'umuganda
Uzatugeza ku migambi
M.R.N.D. ishaka.

Ushaka amajyambere
Ntaranzika imilimo
Ngo atangire umulimo
Yacumbitse itanu
Bimitera ibyo byose
Kutayirangiza neza
Bigatuma bamutinya
Ngo akorane ubugande
Agahomba agataha
Batamwishyuye na busa

Ushaka amajyambere
Yanga amatiku ntatiliganya iteka.
Ngo bitamutera
Gutakobwa ituze.

.../...

Ushaka amajyambere
Yanga uburyarya
Ngo bitamutera kuryama bamugaya
Ushaka amajyambere
Abanza umubano
Ngo bimushoboze gukunda ishyirahamwe.

Rubyiruko rw'u Rwanda
Dusangiye Muvoma
Amashyirahamwe si uguta
Ibyatangiye kera
Nkuko na Yezu yabigenje ali ku isi
Ntiyaje gukuraho
Ibyali byahanuwe
Ahubwo yaje mu isi
Aje kubikomeza
Uko bili byose.

Natwe urubyiruko
Twigane ibyo byose
Dukomeze amatwara
Y'ibyahoze cyera
Tugerekeho neza
Ibyo twunguka iki gihe
Aliko cyane dufatana urunana
Twibumbire twese
Mu milimo rusange
Cyane nk'umuganda
Dukesha M.R.N.D.
Yatumye urubyiruko
Rwibaruka uyu mwaka
Mpuzamahanga
Amahanga yahisemo.

ahoro : Imana yaturemye
Iteka ikunda amahoro
Nkuko idukunda twese abana bayo
Natwe urubyiruko aha tuli twese
Twigane ibyo byose imana ishaka
Dukunde iteka abaturanyi bacu
Baduhe amahoro
Natwe tuyabaheshe
Tube abambere mu mahanga

;../...

Amahame asakare mu Rwanda.

Iwacu i Rwanda dufite amahoro
Mbese iyaba byali ngombwa
Ngo dusagulire abanyamahanga
Bahora bannyotana buli munsi
Naho twe tuli gutamba ineza.

Ihandi inda ndende y'umururumba
Yarabakeregese mu mabondo
Baragaza inzara n'amalira
Amaganya ababuza gusinzira
Amahoro bayasimbuje kabulimbo
Banyurana bajya guhamba
Imbabare zamazwe n'amabondo.

Urubyiruko rw'u Rwanda
Rusabwe kugirana umutekano
Mumashuli yose hakaba umwuka
Ushingiye ku kwubaha buli wese
Ntakurobanura abagutegeka
Ngo nibo ukesha ubuzima bw'ejo
Bagalira yose mwene data
N'uwo wita ngo nimutoya
Ejo bundi wenda azaba ingimbi
Akugimbure umaze kugimba.

Henshi amahoro imbaga nyamwinshi
Abo mugendana kurugendo
Ereka bose amasomo yawe
Uko uyakulikirana umutima nama
Guhubagulika ubite iyo gihera
Wite ku mahoro ugarure amahane
Maze uyahobere uhimbarwe
N'ukureba amwenyamwenye.

Uwitwa umubyeyi wakwibarutse
Yirye urwara arate urwali
Atake inkosha yajishuye
Agirango akwonse
Ukure ube ingimbi
Avuge igitarama ibi by'amatamba
Atere iteka ali mu ituze

.../...

Ati harakabaho umwana nareze
Yuje impano ampaye amahoro.

Abo dukesha amahoro cyane
Ni abasilikali batulinda
Abanzi bacu ku buryo bwinshi
Hali n'abadusuzugulira ingendo
Hali n'abasha kutuvuyanga
Batuvugavuga uko tutalemwe.

Amahoro Imana yatwihereye
Ikayamenyesha HABYARIMANA
Umulinzi wacu Rukoma mbarutso
Yanze gutsimbarara ku muheto
Imbunda ayambarana ubutwali
Amaso ayahata amazi yera
Agirango arebe u Rwanda rwose
Umunyarwanda iyo ava akagera
Kugirango amukure mu bwigunge
Amushyire aharebwa n'isi yose.

None rubyiruko ngabo z'Igihugu
Nkuko uyu mwaka twizihiliye
Uduhata amahoro azira amahane
Nimwigane umugaba wanyu
We waturohoye atamenye amaraso
Ntibyaba byiza ko uwo murava
Wabarangwaho igihe cyose.

Kugirango amahoro y'umunyarwanda
Asabe hose azira gishegesha
Muli inshongore zibishoboye
Muzahore iteka muduha amahoro.

Hali urubyiruko ruli mu byaro
Rufite amashyirahamwe rukoreramo
Kuburyo bwinshi buhimbaje
Guhana amahoro s'ibigoye
Hali ukuguzanya muhingirana
Cyangwa se muli mutundi tulimo
Ntimuzarote mutikuranya
Ngo mutakobwe umutima munyarwanda
Mufite abayobozi muli Komini
Alibo bitwa Enkadreri

Ibyo babatoreza mu matorero
Mujye mubitahana ntimukabite
Amahoro akabura muli mwese
Kandi mwaratojwe iby'uyu mwaka
Twizihiliye twese tuzira umuzeze.

Hali urubyiruko rufite amulimo
Wo gutegura ibijya mu mubili
Bikawutera gukora imilimo
Amahoro bambaliye uru Rwanda
Niyo atumye cyane rutajegajega
Kuko ntawivuga ataliye
Uwashidikanya azabwilirwe.

Ninde wambaliye guhaha
Ninde uza aberewe yikoreye
Ninde barangaranwa bose
Bikabatera no kumecaguzwa
Kubera ibyo yikoreye
Atwaye bitamira.

None rero mwene data
Wowe utekera uwo mutegetsi
Korera shobuja yizihirwe
Amere nk'ugoroye umurya w'inanga
Kubera impumuro yamusabye
Y'ibyo gushyira ku mbavu wateguye
Yiyuhe akuya yirye urwara
Akorere amiliranya ubudacira
Ubwo ahite yikubita ku meza
Kubera ubwuzu bwamusabye
Bw'urukarango ruramukurura
Uzanye ibisupeli ubitondekanye
Wuname utere uti ni mu lyoherwe
Amina itahe kuli Nyagasani
Numara no kuba wateyeipasi
Ntazatinde kukwamamaza
Amahoro ahinde kuli wowe nawe.

.../...

Cyose muyaya nkuvugeho iki
Ko nyokobuja azinduka mu gitondo
Agiye kwambika impeta u Rwanda
Uzasigara ute uzigaye mu rugo
N'abo bana usigaranye nabo
Wifata akalingiti ngo uryamire
Naho umwana umutere iyo
Uhimba amayeri wiga amanyama
Uza kunyobyaguza urabeshya
Uvuga ibyo utigeze ukozwa na busa.

Namuhaye igikoma aranga
Nkoroze n'amagi yanga kuyanywa
Ialize byacitse ngera kumuhanda muzengagiza
Namuhendahenze aranga
Nibyo byamutukuje amaso
Iewe wenda ubaze n'abandi
Naho byahe biragatabwa!

Ahubwo inama nakugira
Korera nyokobuja uko yagutegetse
Naba atashye aze atamiwe
N'ubwuzu umwana asekana wareze
Aho gusanga asemwa n'amalira
Aseke amusimbagiza agushima
Akubaza uko wamuhereye amata kugihe
Najya kureba indezo n'ibyahi
Asange byose bisabye isuku
Akesha amahoro yo ku muyaya
Nawe ubwo kandi ayandi ahinde.

Amashuli matoya afite urubyiruko
Narwo rukwiye kwikosora
Ababyeyi banyu baragowe
Ali kumyambaro n'imisanzu
Niyo mpamba ya buli iteka.

Ko umutamaza abaye agutumye
Kujya kuvoma no kuzana inkwi
N'uba utashye uramubaza ibiryo
Wamutengushye ntakubeshya!

.../...

Niwowe mwali utazi ibyo ubwali
Niwowe musore
Utazi ko kwubaka ali ibya ngombwa
Gusasa mu kirambi cya so uwo ushaje
Bimueshengura umutima kandi ubishoboye
Kwubaka iyawe.

Rubyiruko rw'i Rwanda
Uzabona amahoro ute
Utayahesha abandi,

Niwowe rubyiruko rurara mu kabare
Niwowe mudatsimburwa wanze gutaha
Niwowe makofe bagize indatwa
Niwowe rugaju rujunditse ubwiru
Bw'abagamije kwiba no guhotora rubanda
Niwowe jisho ukaba n'itara ly'abanywa kanyanga
Ukaba n'umutware w'ikigo cy'abanywa injaga
Cyo mbwira ayo mahoro
Aho uzayakomora
Ibyo byose utabiretse.

Ese mukobwa dukeshaho ubwali
Ko ali wowe ubwire bwagize ubwiza
Niwowe nyili ubwami bw'amajoro yose
Niwowe udasiba mu masoko yose
Niwowe ubasura bagize indahiro
Ngo tuzaba tureba aka nyirakareshya
Wigize akareshya n'amara no gushya
Hagorwe ababyeyi muganga atakwumva!

Rubyiruko rw'u Rwanda
Kandi nkunda ni mureke ducengeze Muvoma
Intego ya M.R.N.D. ni iyihe?
Ubumwe-amahoro -amajyambere
Intego y'umwaka mpuza mahanga
W'urubyiruko ni iyihe?
Gufatanya -Amajyambere - Amahoro.

Intego ya M.R.N.D. izaducengeramo ite?

OOO ntubizi !

Nitubanza kujijuka
Tudacura umwijima ntabujiji
Tugafatanya twikorera twe ubwacu
Tugahuza imbaraga zacu
Nta bunyanda ntakuganda
Ali ku bwoko no ku madini
Ibitsina byose bikitanga
Tugahulira ku muganda
Tukubaka u Rwanda rwatubyaye
N'uzaturuka i Mahanga
Agasanga rutajegajega
Kubera umugozi utwegeranije twese
Ni M.R.N.D. indatwa yacu
Buli munyarwanda aho ava akagera
Niho akesha ishema n'icumbi.

Tukavuga amajyambere twagezeho
N'ibikorwa tugamije kuzageraho
Tudatatana tutica ibice
Kandi dufite Ministeri yacu itubumbiye hamwe twese
Iduha amabwiliza ubudasiba
Kugirango dusobanukirwe icyo tulicyo
Aho tuvuye n'aho tugana
Naho tugeze muli iki gihe.

Mwaka waje usa n'izuba
Ukaba wera kurusha Diyama
Komeza uyagirane waje neza
Utuma abategetsi b'abanyarwanda
Bakwitegura uba rudatinywa
Witegeye ibyiza gusa
Byatumye urubyiruko ruca amakamba
Rwiga imikino y'inyura muco
Yateguwemo iy'irushanwa.

Harakabaho irushanwa nk'ili
Kubyerekeye uyu mwaka w'i 1985
Harakabaho Ministeri yawuduteguliye itabitinya.

.../...

Kugirango tubigereho ibi byose
Tubikesha izata ibasumba
Intore sibo y'amahina
Intwali ikalishye mu rugerero
Uwa rukundirwa mu kumasha
Inshongore yuje ishema n'isheja.

Ni rumenerangabo mu nkubito
Akaba umutabazi utagaya intwaro
Ni uwo Rugira yatatse ubugeli
Ni Rugina balilimba ni rukelikibaye
Ni rukira ibyambu agaca mu byondo
N'indangamirwa ya rwema
Ni umutoni w'abo yambaliye impeta
Ni rumenerangabo rwa Mpabuka
N'inkubito rwasa bicu
Ni rudacogora mu migambi
N'imbarutso anogeye u Rwanda.

Ni Nyakubahwa Fondateri wa M.R.N.D.
Général Major HABYARIMANA Juvenali
Yadukanguye tuba inkubito
Kugirango hatazagira utwigimba
Aragahorana abakuru n'abato
Alirwo rubyiruko rwizihiliye
Bitazibagirana na busa
1985 Umwaka Mpuza mahanga w'Urubyiruko
Niharambe urubyiruko ku isi yose.

=*=*=*=*=*=*=*=*=

mars 1985

## §§ UMUVUGO UHIMBAZA UMWAKA W'URUBYIRUKO §§

Umwaka wa 1985

Umwaka w'urubyiruko kw'isi hose.

Igitekerezo :

Ibanze.

Twishimiy'ili rushanwa , muduhaye ; ko ryajya liba buli mwaka , tukunguran'ibitekerezo.

Uyu muvugo wahimbwe na:
MUSABIMANA J.Baptiste
Umunyeshuli mu kigo cy'imyuga
cya J.O.C i Gacuriro.
B.P 91 Kigali.

a) Igice cya mbere.

Ikivugo :

Umva intwali nd'urubyiruko,
Aho ntey'imigeli bahalind'icyuho.
Cyacam'umwanzi ushaka kuntatanya;
Ambuz'amahoro n'amajyambere.
Ngize ntya, ngaragiye iyo rugoli;
Nyihaye isheyija n'ishema ryinshi.

Nyituye umubyeyi w'uru Rwanda;
Ubwo za socièté́s ziracicikana,
Za coopératives zivug'urwunge.

Turafashanya turabitaha.
Umwe mu rubyiruko ati : Murabyumva!

Twe urubyiruko biradusanga ."

Muli Commune barakarata;
Ba gronome barabihabwa;
Ubw'ibishanga barabitashye.
Isuka ikivug'igir'iti ;
Ndi rutebeza gihumbi,

Aho nshinz'imikaka, umukobwa ahashing'imisambi;
Akicar'akadamarara, Akahahindur'iwabo.

Igice cya kabili:

Indatwa nkatwe:

Rubyiruko nkurate ibigwi n'ibisingizo
mu mahoro n'amajyambere.

I° Rubyiruko rugize uru Rwanda,
muze dusingize ingufu zacu;
Mu bwitonzi buzira inenge ;
N'impaka nyinshi mubyo tugomba.

Tugambirire gukora,
ali abahinzi, abanyabiro,n'abashofeli.
Muze twegeranye ingufu zacu;dushyire hamwe;
ali mu Muganda ntitwiga nde, abo ibigande tubihunze.

2° Murabizi namwe umwe mubabyeyi bakuru bacu;
Akaba n'umurezi muby'ubwenge;
Mubyo ubuhanga burera abana;
Ali twe rubyiruko batezeho byinshi.

Yaratubwiye ati: " Mwunve r ubyiruko inama mbagiriye";
Mushyire hamwe ingufu zanyu,
Mukorane umurava nk'abikorera.

3° Nanjye inama ni iyi:
Mujya mwunva bavuga ngo:Abagiye inama Imana irabasanga.
Muze twegeranye ingufu zacu,
Tujandamure ibishanga;
Tubigabe ijabiro ridashira.
Atari bya bindi byokwiririrwa; Tubyina Disco danser
Cyangwa urujandali mu mujyi wose.
Ngo abirwa benshi akunva bene yo/

Ingingo ya kane;

4°- Rubyiruko muli mali za Communes namwe;
Nimwihanganire ingorane muhura nazo.
Aho gutekereza iyo mu mujyi;
Nimutekereze gukora za coopératives.
Nkuko umubyeyi wacu abitugisha.
Nimusabe ibishanga ;
Mworore kijyambere;
Inkoko, imbata,inkwavu n'ibindi by'ingira kamaro.
Mutibagiwe no kuguzanya;
Mub yo ubwubatsi n'ubuhinzi.
Kuko byatera inkunga;
Idashobora kwerekana bamwe batabashije gushishoza;
Muli za Dictionnaire.
Imwe mubigaragaza abanyabwenge .

5°- Bakobwa namwe mujya mwunva ;
wa mugani ngo:" Abavandimwe iyo bavumbitse akarenge,
Ngo uvumbura akawe."".-
Mumenye ko tuli akaganda kamwe lero.
Namwe muli bamwe bagize;
N'abashaka kuzamurwa na Muvoma mulimo.
Aliko Imana nayo ifasha uwifashije.

6°- Mukomeze mufatanye nayo;
Mutere intambwe ya kijyambere;
Mubwuzu bwuzuye Repeblika ya kabili;
Ntiyizungagize nk'umubyeyi;
Wabyaye utagira akamaro,
Cyangwa nk'ubwato mu muhengeri.
Ngo umukobwa aba umwe agatukisha bose.
Bakobwa nimwe mbwira;
Ibitekerezo bya Hôteli iharawe mubyikuremo;
Muhe koko agaciro umurimo wa amaboko;
Ngo uwiteye akazana , ntamenya akazaza ejo.

Igice cya kabili gikulikira

(2ème partie suite)

7°- Bashiki bacu mwe !
Mutagira ngo nibyabindi,
Ngo :
Agahwa kali kuwundi karahandulika.
Basore namwe:
Ibi byateye byo kwigana Mikayire Jagisoni;
Bika ba ali byo mikoro;
Ntaho bihuliye n'AMAJYAMBERE.
Ese nk'iyo akajaketi wali ufite,
kali kamwe; ! ! !
Kakulindaga imbeho;
Hajya Mikayire azakugulira indi / ?

8°- MUcishe makeya rubyiruko;
Mucililikana n'igihe tugezemo,
Mudacanahabuye ababyeyi;
Ngo:
Mubacanire igicaniro,
cyajubuce twaciye tukishyira hamwe;
Nta mucanshuro, ushubirije;
Mubudashabuka no mubupfapfa.

9°- Babyeyi namwe kandi,
Nimwite kuburere bw'abana banyu;
Kuko ali rwo Rwanda rw'ejo.
Tutabihaliye abatezi bo hanze;
Ngo nabo barushywe na byinshi,
Na'ibyo bafite bitaboroheye/§
Ubundi baca,umugani mu Kinyarwanda;
Ngo;
Igiti kigororwa kikiri gito.
Na none,
Intabire n'amasinde atibyoroha kimwe.

N° 3 Y'ibikurikira kabili.
(3ème suite)



IO°- B abyeyi mwa tubyaye mwe,
Namwe barezi mubyo ubhanga;
Mutubere ubwato;
Butwambutwa inyanja .
Si byiza rero,
Guhindura umwana icyohe;
Ngo : kwishaki bazigisha.
Kandi ngo:
Inkoni ivuna igufa,
Ntihana ingeso.
Babyeyi rero,
N imwitondere gukubita abana banyu.
Umva babyeyi,
Inama ni nyinshi:
Nimwite ku burere bw'abana banyu;
Mutibagiwe n'inama za ONAPO.
Ngo: " Byara abo ubashije kurera" .
None se kubyara benshi;
Uzabatuza hehe.?
Uzabagabulira iki/?

11°- Basore namwe nkumi rero,
Nimwitonde mwitegereze;
Igihe tugezemo.
Mumenye ko: kubyara,
Abo mutabashije kurera;
Ataribyo ngombwa.
Musore rer o ;
Rindira ubone ikizagutunga ;
Na Madamu wawe, na' abana muzabyara.
Kulikiza inama za ONAPO itugira.
zo g ushaka dukuze;
Tukaboneraho kubyara bake;
Dufitiye ibibatunga. !

N) Ya kame ikulikira ------ 4ème

Mu ngace cya ka bili.

12°- Umwa Uero rubyiruko;
Ingorane duhura nazo ni nyinshi.

Tuvuge nk'abatazi gusoma no kwandika.
Mugera-geze mwihatire kwihugura.
Ejo utazahura n'ingorane mu nzira;
Wabuze inzira itaha;
Kandi ibyapa byyarateye.

Nizeyeko mu masellure batangiye kubyigisha;
Kandi igihe kizaza,
Kirabategereje ,
Mwarahugutse.
Mukamenya,
Gukangukira amajyambere.
$$$$$
Aliko mumenya n'inzego mugezemo.
Ubwo,
URwanda rukijabura:
Rukazamuka.
Rukakomeza guterwa inkunga n'abarutuye.

13°- Namwe kandi,
Muzi gusoma no kwandika;
Bikaba bibitswe mu mitwe yanyu;
Bitasohoka ngo bijye hanze;
Bigire icyo bitwungukira mu majyambere §!
Tumenya igihugu cyacu n'abagituye .
Ibiyaga byiza;
N'ibibaya b igitamiriye .

(-N° ya atanu ikulikira iya kane).

5ème n° Suite.-

Mu gice cya kabili.

14°- Abavuye amahanga,
batunyuliramo ibyabo.
Kamere yabo tukayivoma.
Twongera kandi n'ibyo tugezemo.
Erega;
Iyo wanditse n'ako gatabo,
Uba ugize byinshi wungura abandi.
N'umuco wa kera wa kinyarwanda,
Ubuvivi bwacu bukazawusazana.
Aliko bwarafashe ku ntera yacu.

Nk'uko natwe twawusigiwe,
N'abakur'ambere bacu.

15°- Uwo murage mwiza ,
W'inyandiko ya Kinyarwanda;
Ukazasazira mu gihugu cyacu.
N'abanyamahanga bakazakikunda;
Bitewe kandi n'ibyiza bilimo.
Tukamenya guhimba;
Ibyitwa ib isigo,
Twasigiwe n'abasaza.

Wowe musore cyangwa Mukobwa,
Iyo wicaranye n'ababyeyi;
Kandi baganira ibya kera;
Utugani twinshi;
Ngo bagucira,
Kuki utafata ikaye n'ikaramu:
Ngo:" Wandike ibyo byiza byo hambere.
Ngo uzabigeze kuli bagenzi bawe b'abasomyi.
Bazagire igikerezo nabo.
Cyo kubikulikiza,
Babiraga Rwanda rw'ejo."

$$$$$.66----------

N° ya gatandatu ikulikira i ya Gatanu.
6 ème Suite à la 5 ème .
Mu gice cya kabili.

---

16°- Ngo umuco urabagirane,
Nk'ururabo rw'imvura.
Urabagirane igihugu cyose,
Ngo n'amahanga uzagere yo.
Aliko,
Ubanje iwacu iRWANDA.
Abanyarwanda bakawusaba,
Banasabana muby'umubano.
Ubw'urulimi rwacu rw'ikinyarwanda;
Rukab'indakemwa,
Mu banyamahanga baj'i RWANDA.
Kubera kandi umurego wacu;
Ubwo nabo bakishimira kucyiga ;
Bitewe,
N'uburyohe bwacyo kigir'iteka.

17°- Erega s'ibyo byonyine;
Nkamwe muzi ubwenge;
Mwihatire kurumbura;
Ibyerekey'iby'ubushakashatsi.
Ali muby'ubwenge n'ubukolikoli;
Ndetse na kamere muntu ;
ukw'izagenda.
Tukamenya uko turwana ku buzima bwacu.

18°- Yemwe Rubyiruko,
Mumenye ko twa dutako,
Dutatswe amabara yose;Dukwiriye kwongerwa.
Tugakwira mu gihugu cyacu.
Aliko dusagulira n'amahanga;
Atwoherereza ama Dévise ;
Ubukungu bwacu bukiyongera.
Ubw'igihugu kigater'imbere,
Amahoro iteka agahora ahinda.
Ubwenge bwacu bukiyongera,
Aliko n'umutungo wacu wiyongera.

N° ya kalindwi ikulikira iya gatandatu
(7ème Suite à la 6ème N° )
Mu gice cya kabilii

19°- Banyeshuli namwe;
Muli mu mashuli,
Cyane cyane abagronome;
N'abandi babashije gutera intambwe ndende.
Nizeye ko,
Ibyo mwiga atali impfa busa
Ali ibigamije kuzamura ,
Bagenzi banyu,
Mu majyambere.
B atabashije kugira Imana yo kubigeraho.
Mubagire inama mu biruhuko:
Izabateza kuzamuka,
Aliko bazamura na communes .
Atali bya bindi byo kubihunza,
Ngo: " Ce n'est pas la même catégorie/"
Nk'aho Imana iha bose.
Nimugire icyo mwungukira bagenzi banyu Yero.

20°- Rubyiruko namwe,
Nimwiyegeze ~~banyu.~~ze abakuru banyu.
Babigishe umuco wa kera;
Wa Kinyarwanda.
Mutibagiwe no gushishikarira;
Imikino y o hirya no hino
Aliko se:§§!!
Ntimutezuke ku muco Nyarwanda.
Ababyeyi bacu badusigiye;
Umudiho wa kamere;
Ibyivugo n'ibisigo,
N'ibindi byo abakurambere bacu.
Aliko :
Ngo " Ujya gutera uburezi arabwibanza."
Ndumva amajyambere tugeze mo,
Tutayibagirwa kuyimiriza imbere.
Aho urubyiruko r unyuze,
Ugasanga rusukuye nta mwanda ururangwa ho.!!

N° ya Munani ikurilira iya karindwi

(8ème suite à la 7ème)

Mu gice cya kalili.



21°- Ese aho rubyiruko !!
Mujya mwibuka no gusenga ?
Ngo:
Mushimire Imana yaduhaye ibyiza .?
Ibyishimo Dukesha Repeblika ya kabili.!
Umwiryane n'amatiku,
Bikaba byaracitse!
Ubutiriganya ,
N'ubwironde bikaróhwa inyanja .
Nimucyo rer o;
Dusingize umubyeyi wacu HABYALIMANA:
We waduhaye inzira itagira amahwa;
Akaba atugejeje ho byinshi.
Tutam utengushye ;
Mubyo yaduhaye ;
Ngo tumugondoze yaragerageje;
Ngakor'uko ashoboye akitanga;
Adutera inkunga ,
Atugira inama;
Yo gushyira hamwe:
Dushinga za Coopératives
Ubutiganda;
Atanatwibagiwe kutuzamura.

Agana amahanga azana amahaho;
Ngo imfashanyo nyinshi z'urubyiruko!
Ali ibishimisha ;
Nka za sports ;
N'ibyumba byinshi bidufasha gukora.

Nº ya cyenda ikulikira iya Munani
9ème Suite à la 8ème)
Mu gice cya kabili.

22°- Komeza mubyeyi .
Utang'ihumure buli munsi;
Umwaka muduhaye turashimye;
Tuzongere n'umurego,
Mubyo dushinzwe.

Amaboko yacu abaye urunana,
Za sociètes coopératives,
Turabitashye.
Tunaseruka tugana amahanga:
Guteza imbere igihugu cyacu .

Ngo: " umurongo ugororotse turawugomba.
Turwanya isuli dutera amashyamba,
Kubera ko byizihiye igihugu cyacu.

Kuko amahoro n'ubumwe bibyara amajyambere.
Namwe kandi mushyize ho akanyu;
Muby'imfashanyo no kudusura;
Mureba intambwe tumaze gutera.

23°- Rubyiruko bene wacu;
Oohhh!!!!!
Nimuze umwaka n'uwacu pe.!
Dushyire hamwe amaboko yacu;
Dushimishe ababyeyi n'abarezi.

Mu mucyo w'igihugu n'uwa mahanga.
Kuko ntawanga inyongera.
Ngo:"
Ibije bigusanga urabyakira ,
Iyo bili mu nzira iboneye.

N° ya cumi ikulikira iya Cyenda
10 ème suite à la 9ème

Mu gice cya kablili.

---

24°- Bana mamwe mukili batoya,
Mwivanem'iby'agasuzuguro;
Mwubahe bakuru banyu,
Cyangwa ababyeyi batubyara.
Mutubagiwe na bashiki banyu.
Kuko iyo wubaha,
Mukuru wawe cyangwase mushiki wawe:
Yaguhamagara ngo agutume,
Ukabangukana umutima utuje,
Ugahita werekana uburere bwawe .
NOne se uzicara ku ntebe !
Mukuru wawe ahagarare ;
Cyangwa undi muntu wese ukuruta?
Uvuge ko bili mu muco w'igihugu cyacu .?

25°- Mureke dukuzarikize,
Ikimyabufura cyacu.
Dukurane uburere bwiza,
Twerekana ko twarezwe neza .
N'ababyeyi bacu hamwe n'abarezi,
Tumenye ko uburere bwiza aliho buturuka.
Iyo umwana warezwe,
Ageze mw'ishuli;
Amenya no gukulikiza neza;
Amategeko y'ishuli;
Ali nako akulikira neza amasomo ye.

26°- Kandi si ibyo gusa,
Mugomba gukurana !
Mume nye ko,
Mugomba no gukura ;
Mushoboye imilimo y'amaboko.
Mugakurana koko,
Umugambi wo gushingira hamwe:
Amaboko yanyu :"
Mugahinga, mukorora,mukiga kubaza;
Mubonye aho mubyiga.
Mugakulikirana utwuga twinshi.

N° ya cuminimwe ikulikira iya cumi
11 ème suite à la 10 ème
Mugice cya kalili.

27°- Mukamenya ubukolikoli ¨
Maze igihugu cyanyu,
Kikazagera,
igihe muzaba :
Mwarongereye inkunga,
Izabageza ku majyambere ahagije.

Mukerekana koko;
Ko mwarezwe n'abantu baz'ubwenge.
N'amahanga akabitabira,
Akabona ko mufite umurava ;
Ugaragara.
Ahubwo agashaka kuvoma ;
Nayo ,
Iyo myifatire yanyu myiza.

28°- Mwebwe Rwanda rw'ejo rero;
Mwihatire gufata ubutaka bwanyu neza.
Kubakibufite bufumbirwe¨ ,
Mutazagunduka.

Aho kwaza;
Mukarumbya;
Bitewe n'umwete muke wanyu.
Niba ,
Ababyeyi banyu,
Barakaguhaye ali agashitu:
Mugafate nk'amata y'abashyitsi.

N° ya cumin'ebyili ikulikira iya cuminimwe.
12 ème suite à la 11 ème
<u>Mugice cya kabili</u>.

29°- Mucukure mo ibimpoteli;
Bibili birahagije.
Mukajya mumena mo ibishingwe,
Cyangwa ibyatsi bindi.

Mukabanza kuzuza kimwe,
Maze cyakwuzura ,
Mukabihindukira mu kindi.
Byamara kubora,
Mukabijyana ;
Muli ka kalima.
Ubwo ,
Kagakunda ;
Kakera neza.

30°- Naba ali insina baguhaye,
Shakish'ukuntu wazombera;
Uzajye, ubona ;
Ah'uter'ibishimbo;
N'indi myaka ikenerwa.

Kandi,
Ntimukajye mushimishwa;
No gutera imyaka mucucika;
Cyane cyane;
Bitewe no kutabimenya.
Sinibaz'uyiteye neza,
Ku murongo;
Ko byagutonda.
Niyo wabona bigutonda,
Wakwegera mugenzi wawe,
Ubizi akakwerekera.

N° ya cumin'eshatu ikulikira iya cumi n'ebyili.
13ème suite à la 12 ème

Mu gice cya kabili.

31°- Mumenye kandi kwita ;
Ku bihingwa byose;
Ali:
Ingengabukungu ,
N'ingandurarugo.
Urugero:
Nko guter'ikawa,
Igihe ufite ah'uzitera.
Zikongera ,
Umutungo wawe n'uw'igihugu.

N'ubwo zirushya,
Iyo zitarera,
Aliko ndunva,
Ugiye ukor'ibindi mu gitondo,
Nimugoroba ukazijyamo;
Nk'isaha ebyili;
Ntacyo byaba bitwaye .

32°- Kuko ngo :"
Inkumi cyangwa umusore,
wa naka ali uwaliye;
Ntashobora kurya,
Ibitakozwe n'ingufu cyanga ubwenge.

Muzi bamwe,
Mu bakurambere bacu;
Baciye uwo mugani;
Bafit'icyo bashaka kuvuga.
Nanone;
Udakora ntakarye.

N9 ya Cumi n'enye ikulikira iya Cumi n'eshatu.
14ème suite à la 13ème 
<u>Mu gice cya kabili</u> .

33°- Imana yaduhaye amaboko ngo :
Tuyakoreshe;
Iduha n'ubwenge,
bwo gukora.
None ,
Nimukulikize;
Ingiro y'uwo mubyeyi
Waturemye.

Mwubahilizeitegeko rye;
Yo kugosorera mu rucaca;
Kandi adufite.

34°- Nimuze,
Tunamwizere;
Tumunezeze;
Tumenye ko yaduhaye iminsi
Yo gukora.
Akaduha n'iyo kuruhuka;
Ngira ngo dufit'umunsi umwe mu cyumweru.
Ali nawo tujya kumusenga ho;
Tukamutur'imitima yacu;
Akayakira nta ngingimira;
Agashimishwa no kutworohereza twe abana biwe.
Ubwo umwuka mwiza,
Ugasab'imitima yacu,
Ali nako atwongerera ingufu ;
Zo gukora .
N'imigisha myinshi ,
Igasakara,
Iteka amahoro agahora ahinda.

N° ya Cumi n'eshanu ikulikira iya Cumi n'enye.
15ème Suite à la 14 ème. 17

Mu gice cya kabili.

35°- Twicare hasi ,
Dushire impumu;
Y'icyago cyali ~~cyali~~ cyarateye ;
Muli 84.
Dusenge Imana ngo niyo itanga;
Ibyo tugeze ho ,
Tubikeshe Rurema.

Umva rubyiruko;
Mbwiy'abumva;
N'abatiyumvisha ;
Mwisubireho.
Uyu mwaka wacu,
Utake uburere;
Mu batureba.

" AMAHORO IRWANDA ITEKA RYOSE."

Byandikiwe i Kigali ;
Na MUSABIMANA J. Baptiste;

Wiga iGaculiro : mu byerekeye § :
Gukanika n'ibya'Imiliro n'indi myuga.

Muli J.O.C
Nkaba nsanzwe mfite amashuli atatu yisumbuye .(3ans PP)

Ibi nabitekereje ,ngira ngo ngir'icyo
Ngeza ku rubyiruko rw'iki gihe n'uruzaza.

Kandi nkaba nkifuza kubikomeza, namalika mudutabe
Nkagir'ibyo ngenda nungur' abandi .

SIGNATURE

UMWAKA W'URUBYIRUKO KW'ISI YOSE. 1985

IRUSHANWA LY'UBWANDITSI.

UMWANDIKO WITWA:

# ABIYINGOMA

Date entrée :
N° Classement

WANDITSWE NA:

HATUNGIMANA Sitefano w'imyaka 24

Komini Huganza

Secteur Huganza

Préfecture Butare

# ABIYINGOMA.

Abiyingoma dukunda bitatu
Dukunda gufashanya
Dukunda amahoro
Dukunda amajyambere
Abiyingoma mvuga ni abakunda bitatu
Bafite imyaka itatu gatanu n'itanu gatanu.
Muli bitatu dukunda gufashanya
Twabyirutse dufashwa n'ababyeyi
Turabyiga dufasha ababyeyi.
Dusanga tugomba gufashanya
Dufashanya dushigisha ibishanga
Bibyazwa umutungo udutunze
Dufashanya tudashatse abo iwacu.
Nkanjye Gatwa wahalirwaga inganzo
Mfatanije n'abandi kuyibyaza byiza
Kuyibyaza byiza by'inkono
Kuyibyaza byiza bijya mu nkono
Kuyibyaza byiza by'amategura
Ndanabafasha mu bukolikoli bwiza
Sinibagiwe n'ubufatanye mu bworozi
Sogokuru na data balyaga iz'abandi
None mu bufatanye ndya izo tworoye
Sinkitwalira iyo ligoramiye nk'abagowe.

Nta byera ngo:de no mu biyingoma
Halimo abanduza ibaru lyacu.
Abo niwowe ushaka kuba Nyakamwe
Ngo: Uzalya ibya sokuru nibishira Imana izabyiga
Nyamara ukibagirwa ko isanga abashyirahamwe
Wivuga ko baliya ali imburamukoro
Imburamukoro ni idukorana n'abandi.
Menyera gufatanya n'urundi rungano
Bizakumenyereza umufasha w'urugo.
Umufasha w'urugo muhungu wimuhunga
So, Sogokuru n'ababo baduhaye urugero
Muhungu w'iwacu nguhe ugufasha ukamufasha
Ni uliya muriza, muriza mu gituza
Uzatuma utura neza ugaturwa
Uzasiga agahinda mu ndu agaseka
Waramutse wasesemye userera
Uzateka inyabutongo intongo zabuze
Mukazitonora mutinuba ubutindi.
Amaboko ye ntazabe ayo guhobera gusa
Azabe ayo gukorana ~~na~~ ayawe
Mwatabira akibuka intabirentirare
Mwataha agatora udukwi n'amagezi.

Nabwo bitewe na Ntabujyana iyo.
Muhungu w'iwacu hunga umeze atya:
Bwizo wibagiwe ko bubu mu gituza.
Uzazanwa no gusenya ntirugendwe
Muzababazanya ntimubabalirane
Uzabona wakennye akagukengurūka
Yabona ko ali ihoho ntakoreshe amaboko
Intabire ikabura gitera bitewe n'ubute.
Ujyanwa ku ziko n'uko ali ay'inda
Wisukura bigatuma atumva isuka
Musuke hanze ni indishakarame butwi.
Wizuna uyu muhulira kulyagagurana
Nyiramwaga ukururu urwango mu mulyango
Yazakwangira abawe ndetse n'uje kurahura.
Ntuzifuze ubaho uko utabaho utubayeho.
Muhungu w'iwacuhunga kandi n'uyu:
Uyu usamira mu kirere iby'ahandi
Uvuga ngo: aho gukenyera arugakenyuka
Yazibagirwa kugutegera urugoli rwera.
Wangu urwagwa n'amarwa ngo bitera munda
Agakunda byeli n'abakuru bayo utayenga.
Ntuzigere uzana uliya wigize umuzungu

Abana mukabakunda bakabakunda

Uduke n'utwinshi mufurahemo ntaguhire.
Uyu uzahanguyika akaguhahira
Uzahimba ahingutse mu gahinga
Akaguhimbaza ukamuhimbaza
Uzashake ukomeye mushakane amakoma
Amakoma akomoka ahakomeye
Nawe ukome urusyo n'ingasire
Mushake umusururu musuke mu nda
Agasusuruko gakwire mwasusurutse
Ku kagoroba muvugoragoze n'abanyu
Mugamire ingorane z'urugo rwanyu.
Ntuziteshe umusore uguseke neza
Kuko inseko yanyu izasegura urwanyu.
Mwuze gusegura urugo nibuka ko;
Agomba kumenya gutera akabaliro
Agaca icyaliro kijya mu kiraro.
Akazigama utwinjira n'utwiyongera
Akakira abe adusize n'abawe
Akakuvugira utuvunitse mu magambo.
Uko mwemeranye mukemera Umuremyi
Muzemerane iminsi y'ubugingo bwose

Bitewe no gufata ku biyobyabwenge.
Wishakwa winashaka ruharwa mu kunywa
Uyu warwaye indwara y'ikinyuzi
Ejo cyangwa ejobundi yukujomba mugi.?
Uzanye uwanga kubaho kinyarwanda
Iyabuze amikoro akorora amajoro.
Uratsembere uwo uzitsamura ntakome
Wishaka Semaboko shaka Sebikorwa.
Nyampinga mushiki wanjye wo gahirwa
Sinkwifulije kugwa ku gahinga
Nkwifulije guhunga uwo muhungu
Umuhungiyeho yaguhumira
Ugahora mu rushako rw'urudaca.
Rubyiruko twimenyereze ubufatanye
Kanyarwanda aratubwira ati:
«Nta mugabo umwe
Nta bwenge bw'umwe
Bagiruwigize.»
O.N.U iratubwira iti:
Rubyiruko nimubyiganire gufashanya

Akagera no mu mashyirahamwe yabo
Komini ikayagira inayu bahiliza
Igihugu kikayasagambizha hose.
Amahoro mu urubyiruko ni meza
Azaba intwaro igihe tuzabyara
Abe uruhererekane mu mbyaro
Nk'amwe y'umuyahudi n'abe ati:
Mbahaye amahoro mbasigiye amahoro...
Amahoro twirya ni ingero ilagererayura
Kanyarwanda yalihoreye yemeza ko:
Aho amahoro ali rwisusira batanu
O.N.U nayo ntiyimuriye.
Ilifuliza iyi si y'ejo amahoro
Aracumutse abuliye mulitwe byazabaamahane.
M.R.N.D. mu ntego zayo amahoro ni ingenzi
Na Rwanda iyakizeho rwose
Milita ati: zahabu yacu ni amahoro...
Gukira ku mahoro ntibyibagize gukinga
Kuko hali urubyiruko rukikinyiranya
Rukayubuza abavandimwe n'ababyeyi.

Mu Rwanda ni amahoro tuzahonga bike
Aya atuma tudahohoterwa twese.
Ukora muli Hoteli ntatonganye abamuzanga
Batumye atoma mu itororo
Ashyikirane yakire abashyitsi
Bashyitse umutima mu nda bahumeke
Bahumeke amahoro i Rwanda
Bashime urubyiruko rw'i Rwanda
Balye kandi baryame mu mahoro.
Muganga nawe rwana kubarwayi
umurwayi urwaye mu mahoro
Ntajanjanguliko yijajura vuba
Rwenga rwenga n'utuvo twana
Rukuyere tugukunde utwishyure
N'ababyeyi ubamenyere ibanga
Bazakugamyire ubake ikiganiro

Bagenzi bawe bakubonemo ingenzi
Bityo amahoro kwa muganga
Abe umuti wa roho z'abarwayi.
Mwigisha menya abo bigishwa

Ubwiwe ko uli nk'igitoa imvura irabye ingwa.

Hunyamulyango waha na haliya
Shyira umuruka muriza mu mulyango
Ubakorere icyiza bagushakaho
Bagukorere icyiza ubashakaho
Umulyango usabanye amahoro.
Husilikali nawe w'umusore
Usoretse imbaraga nyinshi
Zo gukomeza abadandabirana
Ukabungabunga amahoro hose
Ukanga urugomo rugomera amahoro
Ugahashya amahane mu mihanda
Byakomera ukayashya mu Rwanda
N'ukorera amahoro tuzagushima
Na rugenzi mugendana azagushima
Hukuru ugutegeka azagushimisha
Nazo amahoro ulinda tuyahorane.
Hunyakazi ulikwiye gira amahoro
Atuma udahohotera ngo uhohoterwe
N'ukora neza wishimye uzashimwa
Kuko ntawe uzabera kirogoya
Bityo mwese amahoro abusumbe
Mubone ubusenyera k'umugozi umwe

Ugahora uhonda agatoki ku kandi
Kandi abakugana nta mutindi ulimo.
Wangu birambuye amahoro yabose
Kuko ushaka guhora uhombya abahozi.
Ubwo kwikinga akababi mu jisho
Bigasimbuzwa gushira isoni
ugashira isoni uyu munyarwanda
utaretse n'uyu munyamahanga
umusaruro w'igihugu ugatuba.
Muganga wikwanga abarwayi
Ubajegeza kandi atali injege
Wibasuzumana agasuzuguro
Wibasereza birwaliye iserelí
Wishakira ikuzo kubarwayi
Kuko bibongerera uburwayi
Umurwayi ubuza amahoro ya koho
Uramutera gutinda korohervwa
Iyo utoroshye ntiyoroherwa.
Ukingira kokolishe na kolera
Uwakingira ubwo bugome bwawe

Ukababuza epfo na ruguru muli byose
Ahali ubumwe ukahashyira ubucakubili
Ahali amahoro ugahonda agatoki
Abandi bakwishima ugashilira mu nda
Reka ubwo bwirasi n'ububwa bwinshi
Bitajya biranga umunyabwenge bwinshi.
Wowe wihaye Imana uli umuntu
Wanga amahoro igihe uruma ugahuha
Niyo agasuzuguro kadukaye ubwumvire
Ily ubusugi sinsuzuma izo onanza
Wikanguruka abo bakene bugukeneye
Wisuzugura abasigaye inyuma
N'ubwo nawe utagomba gusuzugurwa
Ntuzibeshye nalimwe wibwira:
Ko kwiha Imana ali nko kwiha Imuli
Wikwanga amahoro atangwa n'Imana
Kuko uzakirwa mu ijuru iw'Imana
Ali ugendera mu urukundo mamahoro.
Amahoro atakabure mu amadini
Kuko byadindiliza amahoro y'isi yacu.

Munyakazi wikaza abo ukoresha
Kandi wirakaza ugukoresha
Wikorera ijisho korera Sobuja
Ibuka ko gukora ali kare cyane
Wisohoka ku gasusuruko lyavuye
Abandi basohoka iya kubika.
Reka umwilyane n'ubulyalya ku kazi
Bituma batalya neza ngo babyame
Ugatoteza kugirango utoneshwe
Ubwo amahoro ukayababuza
Aho gukora bagahora muli munyangire
Ubwo akazi ukakazika kwa Nyamuzinda.
Ubigize ukili muto mutindi
Ukazagera igihe cy'akabando
Waradondoje mwene Rubanda
Ukandulika Umwanda i Rwanda
Isi igahomba amahoro meza
Umusaruro igutezeho ukaba isayo.
Muhinzi basanza ugasarura
Uli umusonga usonga amahoro

Yo azatuma iyi si irushaho kuba nziza
Ubuzuzi n'amerika bigaturanya amahoro hose
Byo kabyara ntibicure imihoro mu miborogo
N'Urubyiruko rw'Afrika y'epfo rukaya byirukirano
Aho kubyirukira mu irondakoko no mu buroko
Bityo ya zahabu yaw ibe iy'isi yose
Nkuko O.N.U ibyifuliza ababyeyi b'ejo.
Abiyingoona!
Huli bitatu dukunda amajyambere
Sogokuru ati: utazi igikura yica imyana
M.R.N.D. iti: Dushyize hamwe ntitwabura amajyambere
O.N.U iti: Amajyambere y isi tuyateze ku bajyambere,
Koko umuntu wese akunda kwiyungura
Mu imibereho ye ya buli munsi
Ava aho ali ajya aho ataragera.
Amajyambere nyayo ahera mu mbere
Yo azatubuza kubyamira imbugara
Yo azatuma tulya neza ibyacu mu mahoro

Ahubwo uwambere mu kuzigama.
Sino kwikubira ubujijuke
Ahubwo kujijura abakijijirwa
Amajyambere si yewe musaza
Ni yewe mubyeyi ubyiruye.
Sino gutera imbu no kuyitwara
Ahubwo kubaha ubusugi bw'abubu
Ababyeyi bati: Akali kurumbu n'ubusugi...
Urubyiruko ruti: Nakeru byarahoze
Kwitwaza Nyirabirahunga imuraya yambere
Nyamara nawe ntiyabishimiwe
Zureke uburaya n'ubwomanzi.
Ntidukwiye kwitwa abajyambere
Twe twitwaza iby'ahandi dusizige ibyacu
Twe tudashyirahamwe ingufu zacu
Twe twikumbira umwijima w'ubujiji
Twe twonka imitsi y'abasaza
Nitureke ibi byose igihe cyose

Na Muganga uvura imvune nyinshi
Avumbura amajyambere mu nzufu nyinshi
Ibivumbikisho bituma havumburwa byinshi
Ibivumbuwe bikuzabanya amavunune.
Kujyambere si ukumenya indwara
Ahubwo kujilinda abarwayi
Ubashyira mu ishuli ly'isuku.
Muvuzi wirangura mu ubuvuzi
Uvulisha Nivakini y'imvaburayi
Vumbura Kinini mu muravumba
Maze tuvivuze igiti cy'i Rwanda
Zwoye kwanduranya n'amahanga
Zurundarunde umutungo dutunze
Ngayo amajyambere kwa Muganga.
Ubwo buvumbuzi buva mu ishuli
Ili lyigishwa n'umwigisha
Umwigisha nkomoko y'amajyambere
Nkuko abamuganye babihamya.

Ntabe Nyakamwe kuko nta mugabo umwe
Agasangira n'abandi amasomo amwe
Haze mu kujyambere akabeshwa
Akamenya iby'abandi adusize mibyacu
Amenye Legisanderi atarutse mu Ndoli
Niyo amajyambere mu bigishwa
Ali bo bana ba kajyambere.
Wihayé Imana utaretse amajyambere
Roho ijya mbere ili mu mubili mwiza.
Ukunda urubyiruko wabyaye buroho
Ntiwifuza ko barohama mu ubujiji
Ukabujijura ngo butajijirwa
Komeza iyo njishi y'amajyambere.
Hunyamulyango iyo ugiye imbere
Imilyango y'indi irabigana
Igihugu kikagana ku majyambere
Ntukabe igitotsi cy'amajyambere
Kuko aho ushinzwe niho shingiro byayo.
Husilikali ushinzwe n'amajyambere
Amahoro aruhinda ugahindana isuka
Ugahindana umuhini w'ikaramu
No muzindi ntera udateteréza
Umusaruro uvuyemo ugatunga bose
Igihugu kikajya imbere muli byose.
Niyo ushatse amahoro hashe inzira y'amahoro hose
Ikaba igihogere nk'umuhoro ni intambwe
Intambwe ituyjana ku majyambere.
Na Hunyakazi akakwunganira

Ntakore yijijisha akorera ijisho
Ahubwo akorera injishi y'amajyambere
Ubumenyi abukeshe kwa Nyamuzinda
Rwanda yandazuke aho kwandurwa
Ubundi kandura udushyira mu nda.
Muhinzi yemeye kudutungira inda
Ahinga ibyera neza aho aluye
Atibagiwe ibyera umusaruro mwinshi
Akanabiha ifumbire nyinshi
Isuka ikurwanya isuli mu mulima
Yanga ko Rwanda iterwa na kwangasa
Shimbura umusore umusaza n'inkumi ingumba
Ngayo amajyambere Ngofero ayomba isi.
Abiyingoma dushimiye O.N.U. na M.R.N.D.
Zatwibutse zikatwibutsa bitatu
Ko gufashanya bitali mu mazuso
Ko amahoro aduhora mu mutima
Ko amajyambere atugenda mu bwenge.
Turakemuye aliko turacyakeneye inkunga.
Abiyingoma tuyikorere tutayilya gusa.

Rubyiruko turambane n'ababyeyi
Rubyiruko tuzarambane n'urubyaro

Mu ugufashanya amahoro n'amajyambere.

Uko yunguka niko yungura
ayungura ubwenge bw'abigishwa
Akiyegulira ubushakashatsi mu byigwa
Aho kwiyegeka agushali mu binyobwa.
Yita ndukanye n'abo yatekeye impengeli
Ndavuga abamutera amabuye
Boye kumuca intege arambye
Avuga ko isi itagira ingiturano
Kuko azituruwa atuye ikivi
Ikivi kivuye mu bahuye nawe
Igihe batabaye ingezera mu ubwigenge
Haze kababa ingenzi mu ubwigenge
Eukagendana ubugenzi mu majyaombere.
Ubugenge si ubwa mwigisha gusa
Kuko na mwigishwa bagomba gusa
Koko inyama ikaba iya mwenu
Umwigishwa agakobera mu bambere
Aho gukobera mu gukopera ombere
Ntakorere limwe ahubwo limi na limwe

Ubundi duhe umuganda u Rwanda rwacu.
Nitwe benshi turuta ubwinshi uburo
Ntibuzabe bwa bundi butabyara amaruwa
Kuko yaba ali amajyamujuma rwose
Kandi dukunda amajyambere
Gukunda amajyambere ntibigenda ku munwa
Gukunda amajyambere bigenda mu bikorwa.
Ukora muli hoteli agateka ibyo yeza
Ntazezagure kuko bisenyera igihugu
Akakura kinyarwanda atiganye amahuga
Kwigaragaza ukuli bitunganiye benshi
Cyane aliko mu byiza bitunganye.
Kujyambere si ukumera ~~nka~~ nk'abi i Niyoriki
Ni ukwiyoroshya ukiyobora kinyarwanda
Ntuyobagize abakugana bakwilingiye
Uzaba ulinze igihugu cya kubyaye
Nikinjiza menshi aliyo madovize
Kidogagire mu majyambere.

Amajyambere azadufasha kubaka isi yacu.

Rubyiruko twiyutsemo amajyambere
Ku ishyirawamwe turwanye kujyaninyuma.
Rubyiruko turwanye ubujiji n'ubujibwe
Intwaro ni uguzooma no kwandika
Turisoma amazi dusome amagambo
Butagandika ko so yitabye uli ndakunzwe.
Umunyamabanga w'imena ni wowe
Ntuzasomeshe akandiko k'umukunzi
Wihimba amakuru soma ibinyamakuru.
Turabyirutse aliko tuzabyara
Ntituzabyalire mu byali nk'inyoni
Amategura n'amabati ni amajyambere
Amajyambere si ilyaduka arasanzwe.
Amajyambere si ukubogoza nka Bob
Ni ukumenya gucuranga umuco wawe.
Sino kwibohesha imyambaro yacu
Kwambara ibikwiye ni ugutera imbere.
Sino kuba uwambere mu ukinywa

Kuko umuvandimwe ubumuraje
Inda igafata k'umugongo yarahinze
Ukarara wegetse imugeze k'ubuce.
Si ugusarura aho utabibye guza
No kulya imyaka y'umusaza
Utaramusanze mu umushike
Ngo umushigishe ibyo bishanga
Akabona ikimero akabura akamaro.
Ntuzibe ni itegeko ly'Imana
Ntuzonke imitsi y'andi n'ily'amahoro.
Ku byiruko ntituzahogoze ababyeyi
Kuko byazabura mu bubyeyi b'ejo
Kaze amahoro agahunga abahinzi
Tugahorana imihoro y'urugomo
Aho guhorana kuhumuliza muhinzi
Igihugu kiyagusabye gikomeje
Kikurizeye kubera ubwinshi bwacu
Kandi n'amahoro akaba aya benshi.
Amahoro y'abiyimyoma atabaa ayabizindi
Yoatuma tutishisha abo tubana n'abanyamahanga

Nyamulyango wikunda ubulyamirane
Bituma ulya umutango w'umulyango
Abo musangiye ibanga ukabasahura.
Wikuranya ibi by'abatindi
Itiku n'inkota itikura umulyango
Naze ubulyamirane buzahabwa intebe
Amahoro aguhunga iyo nkota itawusha
N'igihugu kizacika uruti rw'umugongo
Umugome akagoma lukagorwa.
Musilikuli wali ingenzi mu urugendo
Wikwimera mu kigega cy'amahoro
Kyo wubahilizaga ukayahungabanya
Witwaza ubusore n'urusoro -> irari
Wikoresha urusoro bidusobanutse
Ninko gusogota umusaza ugusorera.
Kubahuka bose byisimbura kububaha
Horana umuhoro uhore ku irembo
Aliko wihonda abahondobera
Ahubwo ba Serendo na Nsabajoro
Ingufu utunze zitulinde amahane
Naze duhorane amahoro kw'isi yose.

Kuko bugomera amahoro ya bose.
Kwigisha wihonda utwo tubondo
Hanya ko urugero rwiza ruruta igitsure
Wibatsiratsiza ubatsindisha
Bugire inama yo kugutsinda
Wibahekenyera badakenguruka ishuli
Wibashushubikanya shumbira kuyira.
Kurimo umwana amahoro i Rwanda
Uba umuteyemo indwara y'urwango.
Kwigisha wirukalira ibyo bisekeramwanzi
Kera batazabikora bakwitwaje
Ugatuma amahoro abura none n'ejo.
Wikwikuza ku bigisha bakuze nka so
Urasohotse aleko ntiusoretse mu murya
Cira ubwo bugome n'ubugomerane
Usongongere ku mahoro arunga umubyeyi
Bityo uwaganye ishuli ntazaganye inshuti.
Kwigishwa wowe wanywanye n'ububwa
Bigatuma utera abarezi urubwa
Ukifuza kurega ntube waregwa
Ukababakubaganya bakakwirinuba

Ukoze mu mahoro ahembwa mu mahoro.

Muhinzi mworozi arakureba cyane

Arakureba ko ureka abandi baguhinga

Igihe utarengereye ubo ugenje neza

Niyo udateye onu oniteja itarera

Ngo utere inzara umuturanyi

Ubwo uba umuhaye amahoro meza

Amahoro meza atameza uruvango

Ahubwo amezo imyaka ikera

Uyahinzemo asaruruna ibyishimo

Ugashimisha abawe n'abaturanyi bose

Ng'aya amahoro y'umuhinzi wese

Naze amasangwabutaka afiabasanganya

Akadusangarnyo tugasangira.

Nyamara ntamulyango uburo ikigoliji

Wowe ukora hoteli ugoreka umurongo

Igihe isesema ikurusha uburemere

Ubonye abakuganyi bakuganyira

Ukabareba igitsure utabahatse

Bahagitango niyo ndoro yawe

Mu byukuli ali ukubabuza amahoro

Nturabyara aliko warabyawe
Abahabye ubahane kibyeyi
Ubashime bagushimishe
We kuba umucamshuro muli bo
Ntuzitwe umushumba mubi bibaho
Bamenyere ubugenge n'ubwenge
Nturushye ababyeyi babo
Wihanganire n'abarezi bakuru
Maze abana bakulire muli uwo muruka
Ube ukoreye ejo, hazaze hasa neza.
Hwigishwa mbwira kinogiza amasomo
Wegukinisha abisamira inyuguti
Nibakugira inama uyibagire
Ubagilire eshyali lidusenya
Ili lituma uziro umulima muriza
Uzaturwamo n'amahoro meza.
Wowe wihaye Imana bite byawe
Amahoro y'inyuma uruyatunze
Nkunda kubona umwenyura
Ay'umutima uruyatunze?
Sinabihamya kubonwa n'Imana
Ntabe ay'inyuma utagashwarwa

Nawe utera amahane mu ishyirahamwe
wanga amahoro
Naliya wambura abahushyi
yanga amahoro
Nanjye ubuza abandi kwiga
nanga amahoro
Namwe munywa ibiyobyabwenge
mwanga amahoro
Nabaliya baronda amoko
banga amahoro
Natwe dukunda imitwano
twanga amahoro
Rubyiruko twikwanga amahoro luyabyirire
Nidukunda amahoro tuzahonga bike
Aho uzajya uzakirwa mu mahoro
i Kigali uzalya ubugali mu mahoro
i Gitarama Uzatarama mu mahoro
i Butare Uzerekwa ubutare mu mahoro
i Gikongoro uzafata inkongoro mu mahoro
i Cyangugu Uzayenda inguge mu mahoro
Ku Kibuye Uzubakisha amabuye mu magomoke
Ku Gisenyi Uzasigisha umusenyi mu magomoke
Mu Ruhengeri Uzalindwa umuhengeli mu magomoke
i Byumba uzahabwa igumba mu magomoke
i Kibungo Uzabungura mu magomoke.

Gufashanya bituzanira ubumwe
Buzubaka iyi si nziza y'ejo.
M.R.N.D. iratubwira iti:
Gahutu Gatwa Gatutsi tugire ubumwe
Mu mashyirahamwe yacu yose
Mu bazubaka Urwanda imbaraga nizose
Nizishishikalire kubaka urw' ejo mubumwe.
Abiyingoma !
Kuli bitatu dukunda amahoro

Amahoro dukunda ni ayanga umuhoro
Amahoro ahinda mu babyeyi n'urubyaro
Aya azatuma tulya ibyacu nta nkomyi
Agatuma amashyirahamwe asagamba
Urubyiruko rugashimisha ababyeyi
Urubyiruko rukabyinira ababyeyi
Ababyeyi bakarwitaho kuli koho nkoku ruhu.
Umulyango ukaba irembo ly'amahoro
Amahoro avuye mu mulyango wabo
Agomba no kurenga umulyango
Akagera mu baturanyi babo

Maze muzatabarukane amahoro.
Nyampinga mushiki wanjye
Nakubwiye guhirwa uhitamo gahungu
Rero ibuka ko iyi Ntizo atali paradizo
Maze uhunge umuhungu nyuhuza.
Uzilinde Umuhungu ubunza Urukundo
Kuko rugaragalira mu ngiro
Komeza wilinde twa Nyirarukundo
Wanye urunuka twa Muhundwamseko
N'utundi azi ko ali twiza ali udutindi
Uzakubwira ~~ku~~ mubuza kugoheka
Nibilimba ngo rutuma imitsi irega.
Hunga utinye Basekanimbereka
Hunga Mukeraragendo utinya umugende
Uyu udahinga imyaka kuva mu bwana
Nyamara ku mbehe akaba uwambere
N'uliya w'indara ndetse n'indaya
Mutazararana limwe ubundi ukamurara
Akaba ikirara ukararaguza.
Ilinde Umusore udasora ntatange umusanzu
Usoretse nyamara w'umusongarehi.
Ntuzigerane n'uwafashwe mu bwonko

Kandi kuba umunyarwandakazi bidasebya
Ntuzatunge utagaguza umutungo wabatunze
Uyu bugoroba akigobeka onu kabali
Akahava atakili mukawe ahubwo Mukarubanda
Ugasanga ubwenge abunganya na kabwera.
Uzilinde ugutesha ukwemera wavukiyemo
Akubakisha indaro yibagiwe ikirara cyabugondo
Bigatuma Zyabahanze ibezeka ibumoso
Kulujya mugihirahiro abandi bali mu mahoro.
Ntuzazane Nyiragasuzuguro waba usubira inyuma
Kandi ayasuzuguro ntikanabyara umusururu.
Hinde uyu waguta ku rugendo rw'ino kw'isi
Muzacana kabili mukarushya abacamanza.
Mwilinde iby amahirwe nawe akwilinde.
Nyampinga wo gahirwa nkwibwilire
Umenyereye gufashanya ndabigushima
Imenyereze gushaka umufasha w'ubuzima
Mu gushaka kwawe urishakisha
Ahubwo ibande kuli ibi byangombwa:
Uzashake Umuhungu uyu utaguhunga
Ukundira umutima bitali ubukungu
Uzagukunda akugukundisha ab'iwabo

Mu urugo agire isuku hasusuruke
Mwalyama ntimulyane mukajya inama
Umufasha mwiza atera umugabo kwishima.
Uzazane uzakunda akanakundwa
Uzagukundira Gihanga yaguhanze
Uzagukundira ababyeyi n'urubyaro
Uzakundwa agakunda n'abaturanyi
Uzazane ulya ak'iwanyu balya.
Umufasha ngushakira mwana wa mama
Ni ushumadukira ibyiza byacu n'iby'ahandi
Uzakenyera akagutegera uruhete
Ukunda kubaho kinyarwanda
Uzakuzigamira uduke omutunze
Ukaraba agacya akanga akabali
Ukomeye ku busugi yasizwe na Rurema
Ba Nyirabirahunga akabahunga.
Uzagufasha mu kwemera Lyabahuje
Nimuyisingiza ntizalibasiga ndarahiye
Uzazane uwo uzubaha akakwishyura
Iteka lyose muli byose mu hose
Umugenzi w'uru rugendo tulimo
Uw'iminsi azaherekeze undi mu mahoro

Nanjye Gahutu mfatanije n'abandi
Nshyize hamwe na Gatwa na Gatutsi
Ibyo twakuye mu ibumba sogokuru yarumiwe
Ibyo twakuye mu matungo data yarumiwe
Ibyo twakuye mu buhinzi ntibumiwe
Ubu bwo bishimiye imbuto nshya mu gihugu
Bishimiye imbuto nshya mu mboga
Imbuto nshya zilibwa zitali amabunyo.
Nanjye Gatutsi mfatanije n'abandi
Nahinnye umugongo nzura akaboze
Ku ishyirahamwe nitwa Gahindabuluka
Sinkilirwa inyuma y'injamamara nayakoni
Ubu izacu ziba kandi zikalira mu nzu
Nabibwiye sogokuru ntiyemera yemera abonye.
Ku biyingoma nabyirutse ndi akamuga
Ntaamaguru aliko nkoresha amaboko
Ku ishyirahamwe dulunze hafi ibya Kirenge
Ku byukuli mfashanya n'abandi nkanjye
Ku ishyirahamwe twamugaye ingingo
Ntitwamugaye umutima ujya inama.
Uwapfuye yalihuse utabonye abiyingoma
Aho dufashanya muli byose na hose.